

AMABWIRIZA YA MINISITIRI  
W'INTEBE N°001/03 YO KU WA  
11/07/2014 YEREKERANYE NO  
GUKUMIRA INKONGI Z'UMURIRO  
MU RWANDA

PRIME MINISTER INSTRUCTIONS  
N°001/03 OF 11/07/2014 RELATING  
TO THE FIRE PREVENTION IN  
RWANDA

INSTRUCTIONS DU PREMIER  
MINISTRE N°001/03 DU 11/07/2014  
RELATIVES A LA PREVENTION  
DES INCENDIES AU RWANDA

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER:  
DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza  
agamije**

**Article One: Purpose of these  
Instructions**

**Article premier: Objet des présentes  
instructions**

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza**

**Article 2: Scope of these Instructions**

**Article 2: Champ d'application des  
présentes instructions**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 3: Definitions of terms**

**Article 3: Définitions des termes**

**Ingingo ya 4: Intego rusange mu  
gukumira inkongi z'umuriro**

**Article 4: General objectives in fire  
prevention**

**Article 4: Objectifs généraux dans la  
prévention des incendies**

**UMUTWE WA II: GUKUMIRA  
INKONGI Z'UMURIRO MU  
NYUBAKO N'AHANDI HAHURIRWA  
N'ABANTU BENSHI**

**CHAPTER II: FIRE PREVENTION  
IN PUBLIC BUILDINGS AND  
OTHER PUBLIC PLACES**

**CHAPITRE II: PREVENTION DES  
INCENDIES DANS DES BATIMENTS  
PUBLICS ET AUTRES LIEUX  
PUBLICS**

**Ingingo ya 5: Kubahiriza amategeko  
n'amabwiriza**

**Article 5: Compliance with laws and  
regulations**

**Article 5: Conformité aux lois et  
règlements**

**Ingingo ya 6: Ibikoresho bizimya inkongi  
z'umuriro ku nyubako n'ahandi hantu**

**Article 6: Firefighting equipment in  
public buildings and other public**

**Article 6: Equipements de lutte contre  
l'incendie dans les bâtiments publics et**

**hahurirwa n’abantu benshi**

**places**

**autres lieux publics**

**Ingingo ya 7: Ibyangombwa byo guhangana n’inkongi z’umiriro mu nyubako cyangwa ahantu hahurirwa n’abantu benshi**

**Article 7: Fire safety facilities in public buildings or other public places**

**Article 7: Installations de dispositif de sécurité incendie dans les bâtiments publics ou autres lieux publics**

**Ingingo ya 8: Gushyira amashanyarazi mu nyubako n’ahandi hantu hahurirwa n’abantu benshi**

**Article 8: Electrical installations in public buildings or other public places**

**Article 8: Installations électriques dans les bâtiments publics ou autres lieux publics**

**Ingingo ya 9: Abashyira umuriro w’amashanyarazi mu nyubako**

**Article 9: Electrical installers**

**Article 9: Electriciens**

**Ingingo ya 10: Gusimbuza ibikoresho bitujuje ubuziranenge**

**Article 10: Replacement of substandard equipments**

**Article 10: Remplacement d’équipement non conforme aux standards**

**Ingingo ya 11: Ubwishingizi bw’inyubako cyangwa ahandi hantu hahurirwa n’abantu benshi**

**Article 11: Insurance for public buildings or other public places**

**Article 11: Assurance des bâtiments publics ou autres lieux publics**

**Ingingo ya 12: Imyitozo yo kurwanya inkongi z’umuriro**

**Article 12: Fire drills**

**Article 12: Exercices de lutte contre l’incendie**

**UMUTWE WA III: GUKUMIRA INKONGI Z’UMURIRO MU NYUBAKO ZAGENEWE GUTURWAMO**

**CHAPTER III: FIRE PREVENTION IN RESIDENTIAL FACILITIES**

**CHAPITRE III: PREVENTION DES INCENDIES DANS DES MILIEUX RESIDENTIELS**

**Ingingo ya 13: Ibikoresho byo guhangana n’inkongi z’umuriro ku nyubako**

**Article 13: Firefighting equipment in residential facilities**

**Article 13: Equipements de lutte contre l’incendie dans les milieux résidentiels**

zagenewe guturwamo

**Ingingo ya 14:** Ibyangombwa byo guhangana n'inkongi z'umiriro mu nyubako zagenewe guturwamo

**Article 14:** Fire safety facilities in residential facilities

**Article 14:** Dispositifs de sécurité contre l'incendie dans les milieux résidentiels

**Ingingo ya 15:** Gushyira umuriro w'amashanyarazi mu nyubako zagenewe guturwamo

**Article 15:** Electrical installations in residential facilities

**Article 15:** Installations électriques dans les milieux résidentiels

**UMUTWE WA IV: GUKUMIRA INKONGI Z'UMURIRO ZO KU GASOZI**

**CHAPTER IV: WILD FIRES PREVENTION**

**CHAPITRE IV: PREVENTION DES FEUX DE BROUSSE**

**Ingingo ya 16:** Ubugenzuzi bw'umutekano w'amashyamba ku nkongi z'umuriro

**Article 16:** Fire safety assessment

**Article 16:** Evaluation de la sécurité contre l'incendie

**Ingingo ya 17:** Ingamba zo gukumira inkongi z'umuriro

**Article 17:** Fire safety guidelines

**Article 17:** Lignes directrices de sécurité contre l'incendie

**Ingingo ya 18:** Ibimenyetso by'umutekano ku nkongi z'umuriro

**Article 18:** Fire safety signs

**Article 18:** Signes de sécurité incendie

**Ingingo ya 19:** Uruzitiro rugenewe umutekano ku nkongi z'umuriro

**Article 19:** Fire safety belt

**Article 19:** Ceinture de sécurité contre incendie

**UMUTWE WA V: UBWIKOREZI, IBIKWA CYANGWA IKORESHA RY'IBINTU BISHOBORA GUTEZA INKONGI Z'UMURIRO**

**CHAPTER V: TRANSPORTATION, STORAGE OR USE OF INFLAMMABLE MATERIALS**

**CHAPITRE V: TRANSPORT, STOCKAGE OU USAGE D'OBJETS INFLAMMABLES**

**Ingingo ya 20:** Ibikoresho byagenewe guhangana n'inkongi ku mipaka

**Article 20:** Border post firefighting equipments

**Article 20:** Equipements de lutte contre l'incendie aux postes de frontières

<b><u>Ingingo ya 21:</u> Ububiko n'ibikoresho by'ubwikorezi</b>	<b><u>Article 21:</u> Storage and transportation equipments</b>	<b><u>Article 21:</u> Stockage et équipements de transport</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Ibisabwa mu kubika ibintu bishobora guteza inkongi</b>	<b><u>Article 22:</u> Requirements for the storage of inflammable materials</b>	<b><u>Article 22:</u> Exigences pour le stockage d'objets inflammables</b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u> Amahugurwa y'abakozi b'ahantu hinjirirwa ku butaka bw'Igihugu</b>	<b><u>Article 23:</u> Training of the personnel at the points of entry on national territory</b>	<b><u>Article 23:</u> Formation des agents aux postes d'entrée sur le territoire national</b>
<b><u>Ingingo ya 24:</u> Igenzura ry'ubwikorezi n'ibikwa ry'ibintu bishobora guteza inkongi z'umuriro</b>	<b><u>Article 24:</u> Inspection of transportation and storage of inflammable materials</b>	<b><u>Article 24 :</u> Inspection du transport et du stockage des objets inflammables</b>
<b><u>Ingingo ya 25:</u> Ubwishingizi bw'imodoka n'ububiko</b>	<b><u>Article 25:</u> Insurance for vehicles and storage</b>	<b><u>Article 25:</u> Assurance de véhicules et d'installations de stockage</b>
<b><u>UMUTWE WA VI:</u> KONGERA UBUSHOBOZI MU GUHANGANA N'INKONGI Z'UMURIRO</b>	<b><u>CHAPTER VI:</u> REINFORCEMENT OF CAPACITY AND SENSITIZATION IN FIRE PREVENTION</b>	<b><u>CHAPITRE VI:</u> RENFORCEMENT DES CAPACITES ET SENSIBILISATION EN MATIERE DE PREVENTION DES INCENDIES</b>
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Kongera ubushobozi bw'urwego rushinzwe guhangana n'inkongi z'umuriro</b>	<b><u>Section One:</u> Fire brigade reinforcement</b>	<b><u>Section première:</u> Renfort de la brigade anti - incendie</b>
<b><u>Ingingo ya 26:</u> Kugira ibikoresho n'abakozi mu mijyi minini n'imito</b>	<b><u>Article 26:</u> Equipment and personnel in major and minor cities</b>	<b><u>Article 26:</u> Equipement et personnel dans les grandes et petites villes</b>
<b><u>Ingingo ya 27:</u> Ibikoresho n'abakozi mu Mujyi wa Kigali</b>	<b><u>Article 27:</u> Equipment and personnel in Kigali City</b>	<b><u>Article 27:</u> Equipement et personnel de la Ville de Kigali</b>

<b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Ibikoresho by'ibanze	<b><u>Article 28:</u></b> Basic facilities	<b><u>Article 28:</u></b> Installations de base
<b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Ubukangurambaga	<b><u>Section 2:</u></b> Sensitization	<b><u>Section 2 :</u></b> Sensibilisation
<b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Ibigo bya Leta n'iby'abikorera	<b><u>Article 29:</u></b> Public and private Institutions	<b><u>Article 29:</u></b> Institutions publiques et privées
<b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Amahugurwa y'abashinzwe guhugura abandi	<b><u>Article 30:</u></b> Training of trainers	<b><u>Article 30:</u></b> Formation des formateurs
<b><u>Ingingo ya 31:</u></b> Ubukangurambaga ku rwego rw'Igihugu	<b><u>Article 31:</u></b> Sensitization at national level	<b><u>Article 31:</u></b> Sensibilisation au niveau national
<b><u>Ingingo ya 32:</u></b> Ubukangurambaga	<b><u>Article 32:</u></b> Public campaign	<b><u>Article 32:</u></b> Campagne de sensibilisation
<b><u>Ingingo ya 33:</u></b> Guhugura no guha ibyemezo abakozi bo mu bigo bishinzwe kurinda umutekano	<b><u>Article 33:</u></b> Training and certification for companies' staff	<b><u>Article 33:</u></b> Formation et accréditation du personnel des entreprises de sécurité
<b><u>Ingingo ya 34:</u></b> Abakorerabushake mu guhangana n'inkongi z'umuriro	<b><u>Article 34:</u></b> Fire fighting volunteers	<b><u>Article 34:</u></b> Volontaires de lutte contre incendie
<b><u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 35:</u></b> abashinzwe kubahiriza aya mabwiriza	<b><u>Article 35:</u></b> authorities responsible for implementation of these Instructions	<b><u>Article 35:</u></b> Autorité chargée de l'exécution des présentes intructions
<b><u>Ingingo ya 36:</u></b> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	<b><u>Article 36 :</u></b> Repealing provision	<b><u>Article 36 :</u></b> Disposition abrogatoire
<b><u>Ingingo ya 37:</u></b> Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa	<b><u>Article 37:</u></b> Commencement	<b><u>Article 37:</u></b> Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'INTEBE N°001/03 YO KU WA 11/07/2014 YEREKERANYE NO GUKUMIRA INKONGI Z'UMURIRO MU RWANDA**

**PRIME MINISTER INSTRUCTIONS N°001/03 OF 11/07/2014 RELATING TO THE FIRE PREVENTION IN RWANDA**

**INSTRUCTIONS DU PREMIER MINISTRE N°001/03 DU 11/07/2014 RELATIVES A LA PREVENTION DES INCENDIES AU RWANDA**

**Minisitiri w'Intebe;**

**The Prime Minister;**

**Le Premier Ministre;**

Amaze kubona ubwiyongere bw'impanuka ziterwa n'inkongi z'umuriro mu Gihugu;

Having noted the recent increase in fire accidents in the Country;

Ayant remarqué la récurrence dans le pays des accidents liés aux incendies ;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**HEREBY GIVES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:**

**DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

**Article One: Purpose of these Instructions**

**Article premier: Objet des présentes instructions**

Aya mabwiriza agamije kubahiriza ingamba ziriho zirwanya inkongi y'umuriro zigamije kurinda abantu n'ibyabo inkongi z'umuriro mu Rwanda.

The purpose of these Instructions is to enforce existing fire safety and security measures aimed at protecting people and their property against fire outbreaks in Rwanda.

L'objet des présentes instructions est de faire respecter les mesures en vigueur de lutte contre les incendies visant à protéger les personnes et leurs biens contre l'incendie au Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza yerekeranye no kurinda inkongi z'umuriro zibasira:

- 1° Inyubako ;
- 2° aho abantu bahurira;
- 3° ibyanya by'inyamaswa;
- 4° amashyamba;
- 5° ububiko.

Aya mabwiriza yerekeranye kandi n'uburyo bwo gutwara no gukoresha ibintu bishobora guteza inkongi z'umuriro mu Rwanda.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri aya mabwiriza amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **inyubako ihurirwamo n'abantu benshi:** inyubako zigenewe gukoreshwa n'abantu benshi bitewe n'imirimo inyuranye ihakorera;
- 2° **ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi:** ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi bitewe n'imirimo inyuranye ihakorera, nk'amasoko, amasitade, amagaraji, ububiko, ibigo

**Article 2: Scope of these Instructions**

These Instructions cover fire outbreaks affecting:

- 1° buildings;
- 2° public places;
- 3° national parks;
- 4° forests;
- 5° storage.

These Instructions cover also the transportation and use of inflammable materials in Rwanda.

**Article 3: Definitions of terms**

For the purpose of these Instructions, the following terms shall mean:

- 1° **public building:** building intended to be used by many people because of various activities carried out therein;
- 2° **other public places:** other facilities intended to be used by many people because of various activities carried out therein, including markets, stadiums,

**Article 2: Champ d'application des présentes instructions**

Les présentes instructions portent sur les incendies affectant:

- 1° les bâtiments ;
- 2° les lieux publics ;
- 3° les parcs ;
- 4° les forêts ;
- 5° les lieux de stockage.

Les présentes instructions concernent également le transport et l'utilisation des objets inflammables au Rwanda.

**Article 3: Définitions des termes**

Aux fins des présentes instructions, les termes suivants ont des significations suivantes :

- 1° **bâtiment public:** bâtiment destiné à être utilisé par plusieurs personnes en raison de diverses activités qui y sont effectuées;
- 2° **autres lieux publics:** autres endroits destinés à être utilisés par plusieurs personnes en raison de diverses activités qui y sont menées, y compris les marchés, les

- |   |  |  |
|---|--|--|
| by'amashuri;  | garages, warehouses, educational facilities;   | stades, les garages, les entrepôts, les institutions scolaires;  |
| 3° <b>ibintu bishobora guteza inkongi z'umuriro:</b> ibiribwa bikomeye, ibisukika cyangwa gazi bifatwa n'umuriro ku buryo bworoshye cyane bikaba byagira ingaruka mbi ku buzima bw'abantu, ibindi binyabuzima, imitungo cyangwa ibidukikije;  | 3° <b>flammable materials:</b> solids, liquids or gases that can burn easily and harm people, other living organisms, property or the environment;   | 3° <b>objets inflammables:</b> aliments solides, liquides ou gaz qui prennent feu très facilement et peuvent ainsi nuire à des personnes, à d'autres organismes vivants, aux biens ou à l'environnement ;  |
| 4° <b>igitembo gisohokeramo amazi:</b> uburyo bwihuse bwo kurwanya inkongi y'umuriro n'umuyoboro usohokeramo amazi biteganywa mu mijyi hafi ya yose, mu nkengero z'imijyi no mu byaro ku buryo abazimya umuriro bashobora gufungaho imigozi itwara amazi mu gihe bazimya inkongi z'umuriro; | 4° <b>fire hydrant:</b> active fire protection measure and a source of water provided in most urban, suburban and rural areas to enable firefighters to tap into the water supply to assist in extinguishing a fire; | 4° <b>bouche d'incendie:</b> mesure de protection contre l'incendie active et source d'eau prévue dans la plupart des zones urbaines, semi-urbaines et rurales pour permettre aux pompiers de puiser dans les réserves d'eau pour aider à éteindre un incendie ; |
| 5° <b>umurindankuba:</b> igikoresho gishyirwa ku nyubako kikayirinda kwangizwa n'inkuba;  | 5° <b>lightning arrester/rod:</b> device used on buildings and other structures to protect them from damaging effects of lightning;  | 5° <b>paratonnerre:</b> dispositif utilisé sur les bâtiments et autres structures afin de les protéger contre les effets destructeurs de la foudre ;   |
| 6° <b>inyubako zagenewe guturwamo:</b> inzu yose yubakishijwe ibikoresho biramba igenewe guturwamo;   | 6° <b>residential facilities:</b> any house built in durable materials and meant for residential purposes;   | 6° <b>milieux résidentiels :</b> maisons construites en matériaux durables et destinées à être habitées ;  |
| 7° <b>inzu y'umuryango :</b> inyubako   | 7° <b>family residential facility:</b>   | 7° <b>maison familiale:</b> désigne un   |



igenewe guturwamo n'imiryango itarenze ibiri kandi ifite aho kuryama, gutekera no kurira.

building designed to be inhabited by not more than two families with facilities for living, sleeping, cooking and eating.

bâtiment ne contenant pas plus de deux unités distinctes avec des installations pour vivre, dormir, faire la cuisine et manger à l'intérieur.

**Ingingo ya 4: Intego rusange mu gukumira inkongi z'umuriro**

**Article 4: General objectives in fire prevention**

**Article 4: Objectifs généraux dans la prévention des incendies**

Intego rusange zikurikira zigaragaza ishingiro ry'amabwiriza yerekeranye no gukumira inkongi z'umuriro:

The following general objectives underpin the necessity for Fire Prevention Guidelines:

Les objectifs généraux suivants sous-tendent la nécessité de lignes directrices de lutte contre l'incendie:

1° ikumira ry'inkongi z'umuriro ku nyubako n'ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi;

1° prevention of the outbreak and spread of fire in buildings and other public places;

1° prévention de l'invasion et de la propagation du feu dans les bâtiments et autres lieux publics;

2° ikumira ry'urupfu cyangwa ibikomere biterwa n'inkongi z'umuriro;

2° prevention of death or injuries due to fire;

2° prévention de la mort ou des blessures causées par des incendies ;

3° igenzura ry'itwarwa, ibikwa n'ikoreshwa ry'ibintu bishobora guteza inkongi z'umuriro;

3° regulation of the transportation, storage and use of inflammable materials;

3° réglementation du transport, stockage et utilisation des objets inflammables;

4° ikumira ry'inkongi z'umuriro zibasira amashyamba n'ibimera;

4° prevention of outbreak of wild fires;

4° prévention des feux de brousse ;

5° gukangurira abantu kugira imyifatire ibarinda inkongi z'umuriro;

5° raise of awareness with regards to fire safety best practices;

5° sensibilisation sur les meilleures pratiques de lutte contre l'incendie ;

6° kongera ubushobozi bwo kurwanya

6° increasing fire fighting capacity

6° augmentation de la capacité de

inkongi z'umuriro mu rwego rwo kurengera ubuzima bw'abantu n'imitungo yabo.

aiming at protecting people's life and property.

lutte contre les incendies en vue de protéger la vie des personnes et leurs biens.

**UMUTWE WA II: GUKUMIRA INKONGI Z'UMURIRO MU NYUBAKO N'AHANDI HAHURIRWA N'ABANTU BENSHI**

**CHAPTER II: FIRE PREVENTION IN PUBLIC BUILDINGS AND OTHER PUBLIC PLACES**

**CHAPITRE II: PREVENTION DES INCENDIES DANS DES BATIMENTS PUBLICS ET AUTRES LIEUX PUBLICS**

**Ingingo ya 5: Kubahiriza amategeko n'amabwiriza**

**Article 5: Compliance with laws and regulations**

**Article 5: Conformité aux lois et règlements**

Inyubako yose cyangwa ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi yaba iyubatse cyangwa izubakwa igomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza ariho mu Rwanda yerekeranye n'imicungire n'ikumira ry'inkongi z'umuriro.

Any building and other public places whether existing or to be constructed must comply with laws and regulations in force in Rwanda relating to the prevention and management of fire outbreaks.

Tout bâtiment et autre lieu public existant ou à construire doit être conforme aux lois et règlements en vigueur au Rwanda en matière de prévention et de lutte contre les incendies.

Igenzura ry'umutekano w'inyubako zose cyangwa ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi ku birebana n'inkongi z'umuriro rikorwa mbere y'uko hakoreshwa ndetse na buri myaka itatu (3).

A fire safety assessment shall be done for all existing public buildings or other public places before being used and every three (3) years.

Pour tous les bâtiments publics existants ou les autres lieux publics, une évaluation de la sécurité contre l'incendie doit être effectuée avant leur utilisation et tous les trois (3) ans.

**Ingingo ya 6: Ibikoresho bizimya inkongi z'umuriro ku nyubako n'ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi**

**Article 6: Firefighting equipment in public buildings and other public places**

**Article 6: Equipements de lutte contre l'incendie dans les bâtiments publics et autres lieux publics**

Inyubako yose cyangwa ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi hagomba kugaragara nibura ibikoresho byo

Any public building or other public place shall have at a minimum the following firefighting equipments:

Tout bâtiment public ou autre lieu public comporte au minimum les équipements de lutte contre l'incendie suivants:

*Official Gazette n° Special of 11/07/2014*

guhanga n'inkongi z'umuriro bikurikira:

1° uburyo bw'impuruza bukoresha inzogera itabaza kuri buri gorofa;

2° ibikoresho bitahura umwotsi hakiri kare n'ibizimya umuriro muri buri gorofa;

3° kizimyamoto kuri buri metero 50 muri buri gorofa;

4° impombo zabugenewe zifashishwa mu kuzimya inkongi z'umuriro;

5° kamera zigenzura n'icyumba gihurizwamo amakuru yafashwe na kamera;

6° Umurindankuba

1° a Fire alarm system with an alarm bell on each floor ;

2° smoke detectors and sprinklers on each floor ;

3° a fire extinguisher at every 50 meters on each floor;

4° hose reels on each floor;

5° closed circuit television (CCTV) cameras and a control room ;

6° a lightning arrester/rod

1° un système d'alarme incendie avec une sonnette d'alarme à chaque étage ;

2° les détecteurs de fumée et les arroseurs à chaque étage ;

3° un extincteur à chaque 50 mètres et à chaque étage ;

4° les enrouleurs à chaque étage ;

5° les caméras de vidéosurveillance et une salle de contrôle ;

6° un paratonnerre

Igenzura ry'ubuziranenge by'ibikoresho bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa buri mezi atandatu (6).

The verification of adequacy of the equipments referred to in Paragraph One of this Article shall be done every six (6) months.

La vérification de la qualité des équipements mentionnés à l'alinéa premier du présent article s'effectue une fois tous les six (6) mois.

**Ingingo ya 7: Ibyangombwa byo guhangana n'inkongi z'umuriro mu nyubako cyangwa ahantu hahurirwa n'abantu benshi**

Inyubako yose cyangwa ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi hagomba kugira ibyangombwa bikurikira byo guhangana n'inkongi z'umuriro:

- 1° ahantu ho gusohokera igihe habaye inkongi z'umuriro kuri buri gorofa;
- 2° ibimenyetso bigaragaza aho abantu basohokera igihe habaye inkongi z'umuriro kuri buri gorofa;
- 3° igishushanyo cyerekana uko inzu iteye kuri buri gorofa;
- 4° umubare ugaragaza igorofa umuntu agezemo;
- 5° ibimenyetso bibuza gukoresha asanseri igihe habaye inkongi z'umuriro;
- 6° igitembo cyasohokeramo amazi hafi aho cyakunganira abazimya umuriro ;
- 7° uburyo bwo gukura abantu mu nyubako igihe yibasiwe n'inkongi

**Article 7: Fire safety facilities in public buildings or other public places**

Any public building or place intended for public use shall have at a minimum the following firefighting facilities:

- 1° an emergency exit staircase on each floor;
- 2° exit signs in case of fire on every floor;
- 3° floor plan on each level;
- 4° number sign on each level;
- 5° sign forbidding the use of elevators in case of fire;
- 6° a Fire hydrant in its vicinity ;
- 7° emergency evacuation plan;

**Article 7: Installations de dispositif de sécurité incendie dans les bâtiments publics ou autres lieux publics**

Tout bâtiment public ou autre lieu public comporte au minimum les dispositifs de lutte contre l'incendie suivants:

- 1° un escalier de sortie de secours à chaque étage ;
- 2° des enseignes de sortie en cas d'incendie à chaque étage ;
- 3° plan de l'étage à chaque niveau ;
- 4° chiffre indicatif de l'étage à chaque niveau ;
- 5° signes interdisant l'utilisation des ascenseurs en cas d'incendie ;
- 6° une bouche d'incendie dans son voisinage ;
- 7° un dispositif d'évacuation d'urgence ;

z'umuriro;

8° uburyo bwo guhana amakuru hagati y'abantu bakorera mu nyubako imwe;

9° ibyapa bigaragaza numero za telefoni z'abashobora gukora ubutabazi bwihuse mu gihe cy'inkongi z'umuriro harimo polisi, imbangukiragutabara, ishami rishinzwe kuzimya inkongi z'umuriro.

8° an internal communication system;

9° plates indicating emergency response units' phone numbers including the Police, ambulance service, fire brigade.

8° un système de communication interne ;

9° plaques indiquant les numéros de téléphone des unités d'intervention d'urgence y compris la police, le service d'ambulance, les pompiers.

**Ingingo va 8: Gushyira amashanyarazi mu nyubako n'ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi**

Uburyo amashanyarazi yashyizwe mu nyubako n'ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi n'ibikoresho byakoreshejwe bigenzurwa kandi bigatangirwa icyemezo mbere y'uko hatangira gukoreshwa na buri gihe nyuma y'imyaka itatu (3).

Buri nyubako n'ahandi hose hahurirwa n'abantu benshi hagomba kuba hari uburyo bugezweho buharinda ibibazo byaturuka ku mashanyarazi n'insinga zishora amashanyarazi mu butaka.

**Article 8: Electrical installations in public buildings or other public places**

Electrical installations in public buildings or other public places must be inspected and certified before their use and after every three (3) years.

Every public building shall have an adequate protection and grounding system.

**Article 8: Installations électriques dans les bâtiments publics ou autres lieux publics**

Les installations électriques dans les bâtiments publics ou autres lieux publics doivent être inspectées et certifiées avant leur utilisation et une fois tous les trois (3) ans.

Tout bâtiment public ou autre lieu public doit avoir une protection adéquate et un système de mise à la terre.

**Ingingo ya 9: Abashyira umuriro w'amashanyarazi mu nyubako**

Abanyamwuga bose bashyira umuriro w'amashanyarazi mu nyubako n'ahandi hantu hahurira abantu benshi bagomba kuba banditse kandi babifitiye icyemezo gitangwa n'urwego rufite kugenzura umuriro w'amashanyarazi mu nshingano zarwo.

**Ingingo ya 10: Gusimbuza ibikoresho bitujuje ubuziranenge**

Insinga n'ibindi bikoresho by'umuriro w'amashanyarazi bitujuje ubuziranenge bigomba gukurwaho bigasimbuza ibibwujije.

**Ingingo ya 11: Ubwishingizi bw'inyubako cyangwa ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi**

Inyubako zose n'ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi hagomba kugira ubwishingizi bw'inkongi z'umuriro kugira ngo ibicuruzwa, imitungo n'abantu bibe byishingiwe kandi bibashe kwishyurwa igihe byangijwe n'inkongi z'umuriro.

**Article 9: Electrical installers**

All electrical installation practitioners must be registered and certified by the service in charge of regulating electricity.

**Article 10: Replacement of substandard equipments**

Wires and other electrical accessories which are substandard shall be immediately removed and replaced by standard ones.

**Article 11: Insurance for public buildings or other public places**

For the purpose of insuring materials, properties, persons and their adequate compensation, all public buildings and other public places shall have insurance against fire outbreaks.

**Article 9: Electriciens**

Tous les professionnels de l'installation électrique doivent être enregistrés et certifiés par le service ayant la régulation de l'électricité dans ses attributions.

**Article 10: Remplacement d'équipement non conforme aux standards**

Les câbles et autres accessoires électriques en dessous des normes doivent être immédiatement enlevés et remplacés par ceux qui les remplissent.

**Article 11: Assurance des bâtiments publics ou autres lieux publics**

Pour des fins de couverture par une assurance des biens, des propriétés, des personnes et de leur indemnisation adéquate, tous les bâtiments publics et autres lieux publics doivent être assurés contre l'incendie.

**Ingingo ya 12: Imyitozo yo kurwanya inkongi z'umuriro**

Abayobozi b'inyubako n'ahandi hantu hahurirwa n'abantu benshi bagomba gukoresha ku gihe kigenwe imyitozo y'ibanze y'ibjyanye no kurwanya inkongi z'umuriro. Muri ubwo bugenzuzi hagashyirwaho abashinzwe kuzimya umuriro bazwi kuri buri gorofa, hakanagenwa aho abantu bahurira n'uburyo bwo kubavana mu nyubako.

Abashinzwe gukumira inkongi z'umuriro bagomba guhabwa amahugurwa yihariye kugira ngo babashe gushyira mu bikorwa inshingano zabo mu gihe cy'amage.

**UMUTWE WA III: GUKUMIRA INKONGI Z'UMURIRO MU NYUBAKO ZAGENEWE GUTURWAMO**

**Ingingo ya 13: Ibikoresho byo guhangana n'inkongi z'umuriro ku nyubako zagenewe guturwamo**

Inyubako yagenewe guturwamo nk'inzu y'umuryango igomba kuba ifite nibura ibikoresho byo guhangana n'inkongi z'umuriro bikurikira:

1° kizimyamoto imwe (1) mu gikoni

**Article 12: Fire drills**

Managers of public buildings and other public places shall execute regular basic fire drills. In this exercise, fire stewards shall be named for each floor and the assembly points and emergency evacuation plans be available.

Fire stewards shall undergo special training in order to be able to execute their duties in emergency situations.

**CHAPTER III: FIRE PREVENTION IN RESIDENTIAL FACILITIES**

**Article 13: Firefighting equipment in residential facilities**

